REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTARA Y'AMAJYEPFO

AKARERE KA KAMONYI

B.P. 03 MUHANGA

E-mail: kamonyidistrict@yahoo.fr

IBYEMEZO BY'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI N◦ 42/07.02/08/CD

IBYEMEZO BY'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KAMONYI YATERANYE KU WA 21 GASHYANTARE 2013

Kuri uyu wa Gatanu tariki **21 Gashyantare 2014** ku biro by'Akarere ka **KAMONYI** guhera saa yine n'igice n'iminota icumi **(10H130)** hateraniye inama isanzwe y'Inama Njyanama iyobowe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama Bwana **KARURANGA Emmanuel.** Mbere yo gutangira inama yasabye Abajyanama kwakira Umujyanama mushya Bwana **NTIVUGURUZWA Jean Damasecene** akaba ari Umujyanama wagiye Mu Nama Njyanama ahagarariye Abikorera mu Karere nk'uko itegeko N°87/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imitunganyirize n'imikorere y'Inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage mu ngingo yaryo ya 126**.** Abajyanama baboneyeho kwishimira uruzinduko Minisitiri w'Ubutegetzsi bw'Igihugu yagiriye mu Karere bashima uburyo rwateguwe n'uburyo rwagenze. Umuyobozi w'inama yamenyesheje Abajyanama ko Umujyanama **UWERA Marie Alice** ataribwitabire inama kubera impamvu yamenyesheje.

Umuyobozi **w'inama yibukije Abajyanama ingingo ziribusuzumwe n'Inama Njyanama ari zo:**

1. **Kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 26 Ugushyingo 2013**
2. **Raporo z'Amakomisiyo ahoraho agize Inama Njyanama y'Akarere**
3. **Kwemeza ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere umwaka wa 2013 – 2014 na raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari igihembwe cya II/2013 – 2014**
4. **Raporo y'umugenzuzi bwite w'Akarere igihembwe cya II/2013 – 2014**
5. **Raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere igihembwe cya II/2013 - 2014**
6. **Ibindi**

Nyuma yo kungurana ibitekerezo ingingo ku ngingo, Abajyanama bemeje ko ku birebana n'ingingo y'ibindi hasuzumwa ibi bikurikira:

- **Kuvugurura Komite y'Ubugenzuzi mu Karere**

Abajyanama bagize Inama Njyanama y'Akarere ka **KAMONYI** bamaze kwemeza ingingo ziribusuzumwe bafashe ibyemezo bikurikira:

Ingingo ya 1: **Kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yo ku wa 26 Ugushyingo 2013**

Abajyanama bamaze kuyikorera ubugorongingo, bemeje inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama yateranye ku wa **26 Ugushyingo 2013.**

Ingingo ya 2 : Raporo z'Amakomisiyo ahoraho agize Inama Njyanama y'Akarere

Abajyanama bamaze kugezwaho ibyakozwe n'Amakomisiyo babishimye barabyemeza bafata imyanzuro ikurikira:

- Ku birebana n'ubutaka Abajyanama bashingiye ku Itegeko Ngenga N◦ 08/2005 ryo ku wa 14/07/2005 rigena imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka mu Rwanda, itegeko N◦ 03/2013/OL ryo ku wa 16/06/2013, itegeko N◦ 08/2006 ryo ku wa 24 /02/2006 rigena imiterere,imitunganyirize n'imikorere y'Akarere no ku iteka rya Perezida wa Repubulika N◦ 87 ryo ku wa 11/09/2013 rigena imiterere n'imikorere y'inzego z'ubutegetsi bw'Igihugu zegerejwe abaturage bemeje ibi bikurikira:

- Abaturage batunze ubutaka barabwihaye, abimuye imbibi,abubatse amazu y'ubucuruzi bakurikiye ibikorwa remezo;Abajyanama bemeje ko bazatanga ingurane ikwiye y'amafaranga (ni ukuvuga igiciro kiri ku isoko muri ako gace)

- Abaturage bahawe ubutaka n'inzego zibifite ububasha ariko bakaba bakeneye guhindura icyo ubutaka buzakorerwaho; Abajyanama bemeje ko nabo bazatanga ingurane ikwiye y'amafaranga

- Abaturage bahawe ubutaka n'inzego zibifiteye ububasha ariko ubutaka bahawe bakaba batarabukoreyeho bwose;Abajyanama bemeje ko bazasigarana aho bakoreyeho ahatarakorerwaho bakahamburwa

- Abaturage bahawe ubutaka n'inzego zibifitye ububasha ariko bamaze kugaragaza imishinga y'inyungu rusange ariko iyo mishinga ntabe ariyo bakora: Abajyanama bemeje ko Ubuyobozi bw'Akarere buzabigenzura abataragize icyo babukoreraho bakabwamburwa naho abanyuranyije n'imishinga bari batanze bagashyiraho ibikorwa biramba bazatanga ingurane ikwiye y'amafaranga.

- Abaturage batijwe na Leta; Abajyanama bemeje ko bazajya batanga icyatamurima hashingiwe ku buryo bisanzwe bikorwa muri ako gace

- Abaturage batunze ubutajka barabuhawe n'inzego zitabifitiye ububasha:Abajyanama bemeje ubwo butaka babwamburwa uretse ahari inyubaka cyangwa ibindi ibindi bikorwa biramba, bahatangira ingurane ikwiye y'amafaranga

- Abaturage bahawe n'inzego zibifitiye ububasha bagaragaza imishinga y'inyungu rusange ntibayikore, nyuma bagashaka guhindura imishinga kandi itagendeye ku gishushanyo mboneracy'Akarere;Abajyanama bemeje ko ubwo butaka babwamburwa.

❖ Ku birebana n'imishahara y'Abakozi ivugwa mu Iteka rya Perezida wa Repubulika N°14/01 ryo ku wa 23/01/2013; Inama Njyanama yemeje ko Abakozi imishahara yabo yamanutse bakomeza guhembwa imishahara bari basanzwe bahembwa naho abazamuriwe imishahara bakayihabwa guhera tariki ya 01/07/2013 nk'uko iri teka ribivuga. Abakozi bazashyirwa mu myanya ari bashya bazahembwa imishahara ivugwa muri iri teka.

❖ Ku birebana n'ibihabwa abagize Akanama kigenga k'ubujurire k'amasoko ya leta;Abajyanama bemeje ko bazajya bahabwa amafaranga y'urugendo na jeton bisanzwe bihabwa andi Makomisiyo ahoraho agize Inama Njyanama iyo yateranye.

Ingingo ya 3: Kwemeza ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere umwaka wa 2013 – 2014 na raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari igihembwe cya II/2013 – 2014

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka KAMONYI Bwana **BAHIZI Emmanuel** , amaze kugeza ku Bajyanama ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari igihembwe cya II/ 2013 – 2014 bikaba bigaragara ko imaze gushyirwa mu bikorwa ku kigero cya **49%** bayishimye. Abajyanama bakaba bemeje ingengo y'imari ivuguruye ingana na **9 610 626 595.**

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga ingengo y'imari ivuguruye y'Akarere umwaka wa 2013 – 2014 na raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'ingengo y'imari igihembwe cya II/2013 – 2014

Ingingo ya 4: Raporo y'umugenzuzi bwite w'Akarere igihembwe cya II/2013 – 2014

Abajyanama bashimye ubugenzuzi bwakozwe basaba ko inama zatanzwe zose zishyirwa mu bikorwa.

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga Raporo y'umugenzuzi bwite w'Akarere igihembwe cya II/2013 – 2014

Ingingo ya 5: Raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere igihembwe cya II/2013 - 2014

Umujyanama **RUTSINGA Jacques** amaze kugeza ku Bajyanama ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere, bashimye uburyo imihigo irimo gushyirwa mu bikorwa basaba ko imihigo micye isigaye itaragerwaho ishyirwamo ingufu kugirango Akarere kacu gakomeze kuba ku isonga.

Ku mugereka w'ibi byemezo murahasanga Raporo ku ishyirwa mu bikorwa ry'imihigo y'Akarere igihembwe cya II/2013 - 2014

Ingingo ya 6: Ibindi

- **Ivugururwa rya Komite y'ubugenzuzi**

Abajyanama bahingiye ku itegeko N°87/2013 ryo ku wa 11/09/2013; bamaze kubona ko Komite y'ubugenzuzi ituzuye hakaba hari n'ibyo itegeko rishya ryahinduye; bemeje ko Komite y'ubugenzuzi igomba kuvugururwa mu gihe cya vuba.

Inama yashoje imirimo yayo saa munani na cumi na makumyabiri **(14H20).**

NIKUZE Marie Chantal	**KARURANGA Emmanuel**
Umunyamabanga w'Inama Njyanama	Umuyobozi w'Inama Njyanama